Rwanda Meteorology Agency

*ISO 9001:2015 CERTIFIED*

**ITEGANYAGIHE RY'IGIHEMBWE CY'ITUMBA (WERURWE – MATA - GICURASI) 2021 N°57.**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko muri rusange imvura y'Itumba (Werurwe – Mata - Gicurasi) 2021 iteganyijwe kuzaba iri mu rugero rw'imvura isanzwe igwa mu bihe by'itumba; ariko ikaziyongeraho gato mu Mujyi wa Kigali, mu Ntara y'Iburasirazuba no mu duce tumwe tw'Intara y'Amajyepfo mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru. Iteganyijwe kandi kuzagabanuka gato mu bice bimwe na bimwe by'Intara y'Iburengerazuba byegereye ikiyaga cya Kivu mu turere twa Ngororero, Rubavu, Rutsiro na Karongi.

Imvura iteganyijwe izaterwa ahanini n'uko ubushyuhe bwo mu nyanja ngari ya Pasifika n'iy'Abahinde buri ku kigero gisanzwe cy'ubushyuhe muri iki gihe cy'amezi atatu.

**Ingano y'imvura iteganyijwe mu gihembwe cy'Itumba Werurwe – Mata - Gicurasi 2021 dushingiye ku miterere y'uturere:**

- **Imvura iri hagati ya milimetero 350 na 450** iteganyijwe mu Mujyi wa Kigali, Intara y'Iburasirazuba, igice kinini cy'amajyepfo y'akarere ka Gicumbi n'aka Rulindo ndetse n'agace gato k'amajyepfo y'uburasirazuba bw'akarere ka Gakenke mu ntara y'Amajyaruguru, iyi mvura kandi iteganyijwe mu gice kinini cy'uburasirazuba bw'akarere ka Kamonyi no mu burasirazuba bw'uturere twa Ruhango, Nyanza na Gisagara mu ntara y'Amajyepfo.


- **Imvura iri hagati ya milimetero 400 na 450** iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba mu karere ka Rutsiro, mu majyepfo y'akarere ka Rubavu, igice kinini cy'amajyaruguru ya Ngororero ndetse no mu burengerazuba bw'akarere ka Karongi.


- **Imvura iri hagati ya milimetero 450 na 550** iteganyijwe mu turere twa Musanze na Burera, mu turere twa Gakenke, amajyaruguru ya Rulindo na Gicumbi mu ntara y'Amajyaruguru. Mu ntara y'Amajyepfo iteganyijwe mu turere twa Muhanga na Huye, mu burengerazuba bw'uturere twa Gisagara, Nyanza, Ruhango n'igice kinini cy'akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru. Mu ntara y'Iburengerazuba iteganyijwe mu gice kinini


P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

cy'akarere ka Nyabihu n'aka Nyamasheke, mu majyaruguru y'akarere ka Rubavu no mu burengerazuba bw'akarere ka Rusizi.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 550 na 600** iteganyijwe mu bice bya Pariki ya Nyungwe mu burengerazuba bw'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru ndetse no mu burasirazuba bw'uturere twa Nyamasheke na Rusizi.




ITANGIRA RY'IMVURA Y'ITUMBA 2021
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Rubavu
Nyabihu
Gakenke
Rulindo
Gicumbi
Kayonza
Gasabo
Rutsiro
Ngororero
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Karongi
Ruhango
Bugesera
Ngoma
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Rusizi
Huye
Gisagara
Nyaruguru
Italiki
06 - 13/3/2021
27/2 - 06/3/2021
20 - 27/2/2021
< 20/2/2021
Kivu
Uturere
0
45
90
180 Km


ICIKA RY'IMVURA Y'ITUMBA 2021
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Rubavu
Nyabihu
Gakenke
Rulindo
Gicumbi
Gatsibo
Kayonza
Gasabo
Rutsiro
Ngororero
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Karongi
Ruhango
Bugesera
Ngoma
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Rusizi
Huye
Gisagara
Nyaruguru
Italiki
29/5 - 05/6/2021
22 - 29/5/2021
15 - 22/5/2021
Kivu
Uturere
0
45
90
180 Km

**Itangira ry' imvura y'Itumba n'igihe izacikira**

Hateganyijwe ko imvura y'Itumba 2021 izatangira mu mpera z'ukwezi kwa Gashyantare 2021 Uretse mu majyepfo y'uburengerazuba bw'akarere ka Nyagatare, amajyaruguru y'uburasirazuba bw'akarere ka Gicumbi no mu majyaruguru y'uburengerazuba bw'akarere ka Gatsibo aho imvura iteganyijwe gutangira mu ntangiro za Werurwe 2021.

Biteganyijwe ko mu karere ka Kirehe no mu kibaya cya Bugarama ariho imvura izacika kare hagati y'itariki ya 15 na 22 Gicurasi; aho iteganyijwe gucika itinze ni mu majyaruguru y'akarere ka Rubavu, Nyabihu na Musanze izacika mu cyumweru cya mbere cya Kamena. Ahandi hasigaye imvura iteganyijwe kuzacika mu cyumweru cya nyuma cya Gicurasi.

Dushingiye kuri iri teganyagihe ry'igihembwe cy'itumba 2021(igihembwe cy'ihinga 2021B), inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha imirimo yo gutegura imirima, cyane cyane gusibura imirwanyasuri, kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi no guterera ku gihe.

**Imbonerahamwe igaragaza ingano y'imvura iteganyijwe, imvura isanzwe igwa mu Itumba, itangira n'icika ry'imvura y'Itumba 2021 mu bice bitandukanye by'igihugu**

| Intara | Akarere | Imvura iteganyijwe (mm) | Itangira ry'imvura | Icika ry'imvura |
|---|---|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | Nyarugenge | 350-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Gasabo | 350-450 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | Kicukiro | 350-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| Intara y'Amajyaruguru | Musanze | 450-550 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | | | 20-27 Gashyantare (Amajyaruguru y'uburasirazuba ndetse amajyepfo y'uburengerazuba) | 30 Gicurasi– 5 Kamena (Amajyaruguru) |
| | Gicumbi Amajyaruguru | 450-550 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | Amajyepfo ya Gicumbi | 350-450 | | |
| | Rulindo | 450-550 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | Burera | 450-550 | 28 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Gakenke | 450-550 | 28 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| Intara y'Amajyepfo | Iburasirazuba bwa Kamonyi | 350-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburengerazuba bwa Kamonyi | 450-550 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe (Amajyaruguru y'iburasirazuba) | |
| | Muhanga | 450-550 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburasirazuba bwa Ruhango | 350-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburengerazuba bwa Ruhango | 450-550 | | |
| | Iburasirazuba bwa Nyanza | 350-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburengerazuba bwa Nyanza | 450-550 | | |
| | Huye | 450-550 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | | | Imbere y'itariki ya 20 Gashyantare mu majyepfo | |
| | Amajyaruguru y'Uburasirazuba ya Gisagara | 350-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburengerazuba bwa Gisagara | 450-550 | Imbere y'itariki ya 20 Gashyantare mu majyepfo | |
| | Amajyaruguru ya Nyamagabe | 450-550 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Amajyepfo ya Nyamagabe | 550-600 | Imbere y'itariki ya 20 Gashyantare mu majyepfo | |
| | Iburasirazuba bwa Nyaruguru | 450-550 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburengerazuba bwa Nyaruguru | 550-600 | Imbere y'itariki ya 20 Gashyantare mu majyepfo | |
| Intara y'Iburasirazuba | Bugesera | 350-450 | 27 Gashyantare 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | Rwamagana | 350-450 | 20-27 Gashyantare (Amajyepfo) | 22-29 Gicurasi |
| | | | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | (Amajyaruguru) | |
| | Kayonza | 350-450 | 20-27 Gashyantare (Amajyepfo) | 22-29 Gicurasi |
| | | | 27 Gashyantare - 6 Werurwe (Amajyaruguru) | |
| | Ngoma | 350-450 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | Kirehe | 350-450 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 15-22 Gicurasi |
| | Gatsibo | 350-450 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | Nyagatare | 350-450 | 27 Gashyantare - 6 Werurwe | 22-29 Gicurasi |
| | | | 6-13 Werurwe (Amajyepfo y'uburengerazuba) | |
| Intara y'Iburenge razuba | Amajyepfo ya Nyabihu | 400-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Amajyaruguru ya Nyabihu | 450-550 | | 29 Gicurasi – 5 Kamena (Amajyaruguru) |
| | Amajyaruguru ya Rubavu | 450-550 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Amajyepfo ya Rubavu | 400-450 | | 29 Gicurasi – 5 Kamena (Amajyaruguru) |
| | Rutsiro | 400-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Amajyaruguru ya Karongi | 400-550 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Amajyepfo ya Karongi | 450-550 | | |
| | Ngororero | 400-450 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburengerazuba bwa Nyamasheke | 450-550 | 20-27 Gashyantare (Amajyaruguru) | 22-29 Gicurasi |
| | Iburasirazuba bwa Nyamasheke | 550-600 | Imbere y'itariki ya 20 Gashyantare mu majyepfo | |
| | Iburengerazuba bwa Rusizi | 450-550 | 20-27 Gashyantare | 22-29 Gicurasi |
| | Iburasirazuba bwa Rusizi | 550-600 | Imbere y'itariki ya 20 Gashyantare mu majyepfo | 15-22 Gicurasi mu Kibaya cya Bugarama |

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'imvura y'Itumba 2021, kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Ibigo by'abikorera ku giti cyabo ndetse n' Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kwirinda no gukumira ibiza, kwirinda no gukumira indwara, kubungabunga ibidukikije, gufata neza imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro cyane cyane mu bice biteganyijwemo imvura nyinshi.

Turashishikariza kandi abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye, iy'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa remezo, ubuzima, ubucuruzi, ubushakashatsi kwegera impuguke zo mu nzego bakorana kugirango zibagire inama z'uburyo bwiza bwo gukoresha iteganyagihe ry'itumba mu mirimo yabo ya buri munsi.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3), iteganyagihe riburira ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 24/02/2021.

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda